Nllamxura Constance

- Umwvugo

1985

16P

2875/85

UMUVUGO

"ABAGIRA AMASO BEREKWA BIKE"

Dore nyamuberwa ungana umutuze
Amanywa y'ihangu ntayatinya
Atera aterereza ababyeyi ngo
Urugoli rwabe rugume rwere
Ejo rudacogora ku mubano
Ubumwe busanzwe bugahanagurwa.

Kera iwacu mu banyarwanda
Hali byinshi bifite isano
Ubirera wese akanezerwa
Kuko byasaga n'ibihuje.

Nshikame ndate ndare indaro
Yo kudacogora ku mugambi
Ugamba ugambilira abatoya
Ngo amahoro asabagire amahanga.

Dore icyo nanga dore icyo ngamije
Dore icyo nshima dore icyo nanga
Dore icyo nshengeza mu bateya
Dore icyo ndwanya kili icyago
Kili mu bacu no mu mahanga.

Ingoma ni nyinshi simbabeshya
Imilishyo yaze igasobekerana
Igasimburana buli munsi
Kandi ikagagaza abakaraza
Ubwo bagateshuka ntibatinde
Nabo ibicika bica amarenga.

Ndate nshime bakuru bacu
Abakurambere bo mu Rwanda;
Ndate icyubahiro bakwiye
Abategarugoli murakagwira
Cyo nimurambe ubu murabyiruye
Muvema yacu irabitubwira.

Kera cyane njye simbizi
Bakuru bacu niko babivuga
Ngo umwaka uzarya ukaba muhire
Ukaguhesha ishema mu bandi
Amahoro rwose ubwo agasagamba
Urangwa n'icyubahiro gikwiye.

Ngo umwana uvutse akajya mu bandi
Ali umukobwa ali umuhungu
Atera ateza imbere ababyeyi
Akabaha icyubahiro mu bandi
Ubwo amajyambere agasagamba.

U Rwanda rwacu uko murureba
Rufite byinshi bikorwa hose
Ubwo bigatandukanwa n'umwuga
Wa buli rwunge rw'abarutuye.

Ibyiza byose by'abanyarwanda
Byarangwaga n'ituze
Itoto hose likaharangwa
Uguwe neza ubwo akahatura.

Ibikorwa byose uko byali bili
Byarangwaga n'urubyiruko
Urungano rwahanitse imilindi
Nge umwali kera simbabeshya
Ngo yaratekaga agakubura
Agashika ashikamilije byose
Akaboha utturago alitwo mikeka
Intendeke iwabo zigaca imbalire.

Ubwo umukobwa agakura neza
Agakura akinga ingabo mu bwenge
Bwo guteza imbere ababyeyi
Mu burere bwiza bamutoje.

Akajya guhinga agatashya udukwi
Afasha umubyeyi imilimo yose
Inshuti ze zose zikamuyoboka
Zikamushimira imico myiza
Bamutoje ubwo rugikubita.

Ubwo abamuranga bagahaguruka
Bigashyikilizwa abategarugoli
Se w'umwana akabwambalira
Ubutega bwabo bakaburanga
Nge ejo badahinyurwa n'ababasanga.

Abategarugoli bagasukurwa
Inkanda zabo zigategurwa
Umwali walitswe ku ruhimbi
Bakamushingika bamuhata
Ngo ashinge ashingure bagende.

Ubwo Imiryango igatotorwa
Igatera iteranya ibyo babonye
Ngo baheshe umwana ishema mu bandi
Ngo n'aho agiye batabakenga
Bakabasubiza inyuma y'urugi.

Ntarendeye ndatondera
Imico y'u Rwanda ku bwa Gihanga
Uko yalihanze mu banyarwanda
N'uruhongore rw'abanyambo.

Kera iwacu mu banyarwanda
Dore mu bali ali mu ngaragu
Dore amajigija dore n'ingimbi
Barangwaga n'ubwenge
Bwali icyiciro cy'ubugenewe.

Icyakubwiraga ko bahuje
Ni indilimbo, imidihe
Bikaba icyereza abagenzi.

Ngaragu mbwira byinshi cyane
Imilimo yanyu ntimuyiyobewe,
Yabaga ikugenewe ubwo ukayigenga
Igihe urangije guca akenge
Ukabimenyesha abakubyaye.

Bakabijya inama iyo mu rukali
Bati azarushinga rufite inkingi
Nshogozabahizi ndamwemereyo
Ntacyo azaba mufitiye indeka.

Ubwo akamurangira atamutinya
Umugeni akekaho imico myiza
Ndetse n'ubutwali bukamuranga
Ni icyubahiro mu bandi
Yatojwe kera n'abamuranga
Ababyaye ntibabavebe.

Ubwo bagashinga umunsi ukwiye
Ubwe inzoga zanyowe na bose
Bakajya kubyemeza mu rukiko
Ko badatezuka ku ijambo.

Ubwo gagashyingira, bakalisha
Bagaha umwali igihe gikwiye
Cyo kuruhuka no gusukura
Urugo rw'ahandi aba atamenyeye
No kwitoza iyo si y'ahandi
N'urugo ashinze rukimutonda.

Ubwo bagahuza imico idahuye
Iteshwa ababyeyi bababyaye
Bakayitozanya badatinya
Bakajya inama yo kudacikwa
No kudacogora ku mugambi.

Nahe ubu rero simbabesha
Ndabona byinshi ndabona byose
Bifite amababa ntakuguruka.

Nshime nshimagize abahanga
Nshime nshimire abitanga
Nshime nshogoze abaturwanya
Nshinge icyuma icyago gihite.

Njya mbona benshi batembera
Bacicikana mu mihanda
Bacubya kandi bacura ubwenge
Bacocobya abali ababo
Impano y'Imana mu Rwanda.

Ndavuga ntavuze rwa mirambi
Ko mbona urambilije ku by'isi
Nkabona kandi utega utegura
Ko umutego mutindi wishe nyirawo!
Wahengereje ukareba!

Isige ntacyo bimaze rwose
Wasimwe kera n'abagusize
Uretse ko wanduje ishusho yabo
Ukayihindanya igasa n'ubwire
Bwije bwiliye ingoma y'ubu.
Mbega umwuga ugamije byinshi
Ugakenya abawo ukabashekesha
Ukabata mu mazi abira adakonja
Ubasaba kwanika nta zuba
Ntavuga byinshi njya mbona hanze
Ndavuga icyago cyaduteye
Ndavuga agaheto mutegwa mwese
Mutashishoza kakabagusha.

Rwanda rw'eje mfura z'u Rwanda
Ko mbona mwandavuye mutazi
Icyago cyaduteye twese
Aho kukirwanya kikabarwanya.

Ubumwe busanzwe bulihe rwose
Amahoro atemba agana umutungo
Ugacocebwa n'abawugenga
Kandi ndeba nta murava
Wo gukubakuba ibyo mutunze
Ngo ejo icyo cyago cyitabatwara.

Mbe mukobwa ukabya ugakabura
Ugatera utoteza abakubyaye
Ubwe ukababakura ku ntebe yabo
Bagata agacire kubera wowe
Ahubwo amajyambere yarakunyuze?

Dore biracika simbabesha
Kera kera mbe bakobwa
Gutuka umubyeyi byaraziraga
Kandi icyubahiro gikwiye
Kikamuhesha isheema mu bandi
Aho umubano wabaga uganje.

Aliko ubungubu ingoma idahinda
Yazanye byinshi bidasa kandi
Bigasa bisangije ababihuje
Naho bacikwa ubwo bigacika.

U Rwanda rwacu rwali rwiza
Rwahinduwe n'abarugenda
Bakarumishamo uwo mwuka
Ubwo rugahinduka bidatinze.

Kigali igaragaza abadahinga
Kandi bigakurura abandi
Nkaho banganye kuva kera
Naho ubwo n'umuco w'akarere
Nk'uko umubano ubu ubitubwira.

Ndavuga urungano mitwe yose
Ali mu mashuli ali no mu mikino
Ali mu matorere mfura zacu
Duce bugufi duce uburara
Twidagadure twiyereze
Muvoma yacu ni ko itubwira.

Dutere intambwe tugane ijabiro
Zimwe twahawe n'abadusumba
Na be bashaka ko twerekana
Ikintu dufite inyuma ya ndiza.

Icyanjye ntaramanye mu mirege
Ni uguteza imbere abatware
No gutoza inzira ikigendwa
Ikitwa amahoro mu banyarwanda.

Ngo bagiye inama bakuru bacu
Imana ibasanga batabikeka;
Kuki dutera intambwe ndende
Twaruha nta mbaraga dutanze
Ngo tulye twicare turuhuke!
Kandi igihembo cy'umunyarwanda
Akibona akanguye aho yakabuye.

Dore amajyambere mfura zacu
Aturuka henshi hakuba byose
Ubwe hagateza imbere uhagiye
Hakamuha ubwenge bucura inkumbi
Ugenda ataguza atembera
Cyangwa uwanga amahoro i Rwanda.

Dore mbabwire hamwe muli aho
Ejo mudacikwa n'iyo ntego
Ngo aliko amaradiyo ko yateye!
Kuki ataranga ngo atangaze!
Ibyungutswe byose n'abanyarwanda?

Nimwe mbwira Rwanda rw'ejo
Iyo mu mashuli barabatoza
Bakabatoteza bulimunsi
Atali ukuvuga ngo ni urwange
Ahubwe ali ugushikama cyane
Ngo mudateshukaho gatoya
Mukagwa mu cyuzi kizira amazi
Kandi umubano w'abanyarwanda
Ali ukujijurana muli byose.

Kera wyane mu banyarwanda
Nta majyambere yahavugwaga
Umukobwa wese uciye akenge
Ishuli yalisigaga ku rugi
Akinjira mu mbere y'ababyeyi
Ubundi bwenge bwo mu ishuli
Buragatabwa nta buryarya
Ubwo akaba aryamishijwe hasi
Kandi igitanga amahoro iwacu
Muvoma ibumba ibitsina byose.

Naho umuhungu agahanisha
Ati ndeka ngende nzakubwira
Nzagusohozaho inkuru nziza
Izira uburyarya nta burara.

Naho ubu rero nshuti mubwirwa
Ntitugihezwa uko mubikeka
Byinshi byadutse mu mashuli
Ngira nge ntarondegoye mu yanjye
Nta mushishozo mba ndoga muvoma
Ubu biligaragaza uko biteye.

Nabanyuliramo muli makeya
Uko byagiye byiyongera
Bikaba bilinze guca uburara
Mu rungano iwacu i Rwanda.

Dore amashuli yaravuguruwe
Uwakalindwi n'uwamunani
Inzego za mbere zabanje
Iyo mu mashuli atanga ubwenge
Kandi ibyakozwe murabisi
Bimwe by'amajyambere uko yatanzwe
Abafite amaso berekwa bike.

Kudoda kubaka biratozwa
Gucura kubaza ibyo birajyana
Naho ubuhinzi ni igisanzwe
Ku munyarwanda uvuka i Rwanda.

Kubaza kera byali biliho
Nta kuvuga ngo bije vuba
Ingoma n'ibyayo ibyo birasanzwe
Alike se kandi ibya Gihanga
Byahanguka bite rwose?

Imilimo ye mu rugo ni muli bose
Nta kuvangura urubyiruko
Kuko umwana uvuka i Rwanda
Agomba gutozwa imilimo yaho.

Ubumwe bw'iwacu bugasagamba
Ntarendeye ndaneseza
Abantega amatwi tukajya inama
Ye kudatezuka ku murava
W'ubumwe duhabwa n'abatuyobora.

Ubwo bidatinze CERAI iyacu
Iti mbatabare ndi intabikangwa
Ngerageze kwakira abatoya
Mbasubize icyubahiro bakwiye.
Hato amajyambere atalitesbwa.

Hali n'ibindi bili impande
Byakira byakura kurugamba
Ngo ejo tudaterwa n'icye gitero
Cyangwa abana kikabasambya.

Imana yahaye bamwe muli abo
Ni bo bakomeza iyo mu mashuli
Sinzi n'impamvu batatubwira
Icyiza cyaho bahabonye!

Ubwo bagatozwa byinshi cyane
Mu mitwe yose bakaharangwa
Iyo ku rugamba ntibahacikwe
Ngo badatotezwa bagaterwa.

Ntarondoye njye ubwo ndaranga
Ndangira abasizwe n'iby'isi
Ngo bakandagire bakature
Basige umwanzi wanga amahoro.

Ubwo amajyambere agasagamba
Ubumwe umubano mu banyarwanda
Biba indilimbo izira ubuŕyarya
Bikaba icyivugo cy'abahungu
Icyiza cyabo inyemera mihigo.

Umukuru wacu ntakigoheka
Ngo adasinzira akanyurwa hirya
N'abaryana icyara barya umutungo
Utunga uteza imbere abo bali.

Ndaca bugufi mvuge n'iby'ejo
Uko byali byifashe ino mu Rwanda
Byali byifatiwe na bose
Byali byegamiye icyo bita
Icyuma cyacuzwe n'abazungu.

Ingoma ŗahindiro yaragiye
Icyitwa ubuhake cyaracitse
Nta muhezo ukiliho iwacu
Nta mushiha ugira abatindi
Ubugome urwangano birahunga
Amahoro ashingiye ku mubano
Naho amajyambere arasagamba.

Mwumve rungano mudacikwa
Mwumve icyicire ingoma nziza
Inzangano uzazitere inkonde
Maze zihundagare ubireba
N'ababireba bagasuhererwa.

Ca bugufi ucishilize ucurere
Abaca amarenga baguca intege
Ubacure ubwenge ubase mu bandi
Maze ufite icyabyimbye kimeneke.

Dore bakobwa mfuraaz'u Rwanda
Igihugu cyacu ni twe kireba
Cye turwanye icyitwa icyago
Umuco gihanga udata agaciro.

Urubuga rwanyu urugere rwanyu
Mwaruherewehe umurego
Mwishyire mwizane murahirwa
Muse n'inyange izira gukwamwa
Rwanda rwacu reka ulilimbwe
Cye reka usingizwe usabagizwe
Usingizwe usenderezwe uburanga
Mase use n'iseko y'isangane.

Ubuca ntibwire ndere iye manga
Kibaya cyubatswe n'amasimbi
Impinga yawe igasa n'inyambo
Ca bugufi ucyicyijwe n'abateya.

Ubwe ndagushingije ndagutatse
Reka nkuratire abatakuzi
Usigwe usabagizwe amasimbi
Yabasenderejwe imidali.

Uratwe hose hirya hine
Reka amahanga bakulilimba
N'abatakuzi bagata iwabo
Bajye kureba inyamibwa nziza.

Si inkuru y'imbalirane shenge
Uke babibwiwe niko bisangwa
Maze ugasanga ibibaya by'ahe
Byarimbuye "matera" mwumva.

Dore ku mazi magali nk'ahe
Nge ni Kivu itendetswehe ubukungu
Nahe ubukembe buli kurasana
Nge igihugu cyinjirwe n'amahanga
Ahanguka arangamiye umubano.

Amafi ntiyega simbabesha!
Abo bazindutsi b'amahanga
Bati : "aya mazi atagira uko asa!
Twayarenga tujya hehe?

Ubwe umutungo ugatembera
Abo muli banki imitwe igatsara
Ubwe amazu meza kandi aboneye
Hafi u Rwanda amaze gukwira.

Ntimurambirwe ndababwira
Icyitwa "Pariki" inshuti yacu
Impara n'imparage biracurangwa
Impongo ihengera ishya kugwira
Iyo mpagge ibegamye amahembe
Hali n'ibindi ntarondeye
Ibye niko byinjiza mu mutungo
Hafi kimwe cya kabili dutunze.

Ubumwe mu bantu bugasagamba
Kandi busingiswa buli munsi
Nge amahere asabagire ukwe ashaka
Nahe umutekano ulilimbwe.

Ubwe amashuli yarasagambye
Amazu yashaje ubwe aravugururwa
Za misiyoni na Diyosezi
Zigatimanahe mu burye bwabo
Bimwe mu byadutera inkunga
Icyafasha abana b'abanyarwanda.

Ubwe amashuli ya kaminuza
Akwirakwizwa impande zose
Nge abatuvukamo b'abahanga
Boye gucika bajya am ahanga -
Icyaturangaga kigahigikwa.

Ubwo Nsekalije agatangaza
Hilya hino mu bigo byose
Peregarame itanga ubwenge
Mu bice byose bigaba ubwenge
Kandi ikwiliye abayihabwa.

Abitwa abarezi barahaguruka
Bakitwaza amacumu atyaye
Nge eje badaterwa n'inkenkebetsi
Bazira bwa bunebwe turwanya.

Ubwo buli mwana n'icye akwiye
Imicye yahawe n'ingese nziza
Uburere bwiza n'isuku hose
Bikamuranga aho ali hose
Bikamubera imbarutso y'ubumwe.

Akicuma acika guteba akende
Akamenya icyitwa ururo n'icyatsi
Yagira Imana bakamutera
Akagana mu nterina ijijura.

Ubwo akahakura ubumenyi bwinshi
Na we akabutanga mu batabuzi
Agirango ateze imbere aho avuka
Kandi si ibyo gusa mbabwira
Hali n'akandi kamare kabwo.

Aye mazu meza atatse u Rwanda
Teregaramu zivugwa hose
Naho ize ndege zitembere
Nahé aye mamedoka mubona agenda
Amashushe asesekaye mu Rwanda
Byose n'ubwenge butangwa
Kandi burwanirira ubukungu
Buli mu majyambere atajegajega.

Icyitwa icyaduka cy'abahanga
Abo bavumbuzi badasiba
Gutangaza ubumenyi bwabo
Bali mu rwego rucura ubwenge
Alibo kandi Rwanda rw'ejo.

Ndaguma ngende ngere iyo nshaka
Ko kuva kera iwacu i Rwanda
Nta muheze nta mpagarara
Nta buryarya nta bubandi
Uguhe ahashashe niwe uhataka.

Inshegeza bahizi nshuti y'iwacu
Nshuti idacegera buli munsi
Nshuti idasiba ku kazi kayo
Ntitenguhwe abayitiye
Inshuti ya mama reka nkurate
Kuko ukeshwa ibyiza byose.

Dore kuva kera iwacu i Rwanda
Ali umuhinzi ali umuganga
Imihigo yabo ya buli munsi
Balikuzaga ntibashishoze
Nge barere insheza mihigo icyayo.

Abakozi bose hirya hino
Bahiga barata ako kazi kabo
Kandi batazi iyo nyamuberwa
Ibesha icyubahiro uyitunze.

Ni muce bufudi mwitegereze
Icye abakurambere bahoranye
Cyabatunze imyaka yose
Bakakubyara ubwo tukagwira
Tukaba twicaye tudatinya
Kuko icyaza twagitsinda.

Icyanzinduye hane iwacu
Ni ugusingiza nsiga byese
Nsanga nsabira abakuru bacu
Nge badateshuka ku mugambi
Icyitwa amahere cyigasesererwa.

Imyaka myinshi turayihiritse
U Rwanda rwacu rwigenga
Kandi rugengwa n'abarutuye
Ubwe rugashigikirwa n'abakunzi
Ibye tubikesha umukuru wacu
Ali we dukesha n'ize ntege.

Ubwigenge burakaramba
Bwazanye byinshi murabireba
Itegeko nshinga baralitera
Inzego zose barazihuza
Buli mutegetsi n'icye ategetswe.

Icyitwa icyaduka cy'amahane
Baragihigika kiratsikamizwa
Maze haramba ubumwe butezwa
Abategeka u Rwanda rw'ejo.

Ba minisitiri abe mwumva
Intambara icegezwa n'umubane
Nibe bayihesha nta buryarya
Bwe guca hasi barya umutunge
Kandi umubane uzira ubusambe.

Ubwe baraharana bahanisha
Bacura ubwenge bwe kudacikwa
Bwe kudacegera ku kigamijwe
Cyaba inkingi y'umunyarwanda.

Ubwe bajya inama barayihuza
Kandi kera mu banyarwanda
Abajyaga inama nta buryarya
Imana yabumvaga mu marenga.

Ni uke rere ubwe baca iteka
Ry'uke byibura umunyarwanda
Limwe mu kwezi nta muheze
Muvema yacu ye ntibaheza
Yagira ijambe ashyira mu bandi.

Ni bwe bateye batabahase
Abe kubahesheresa amahane
Aterwa n'ibibaze bibagebeka
Bikabatera guhangayika.

Nibe badepite mahere meza
Bukembe bucikanya ku rugamba
Abanyarwanda bajya batinya
Bati musambe muli mu banyu.

Nene rere icye mvuga cyane
Ni uke urubyiruke duta agacire
Ahe gucengera mu mubane
Tugaca ducikira abadukwena.

Ke muvema yacu na ye itubwira
Ke nta muheza w'umunyarwanda
Kuki ndeba mubyina muvame
Kandi iye ali imvuge y'abasaza!

Kuki mucegera ku gacire
Twali dusanganwe kuva kera!
Kuki mutetezwa nk'abapfapfa
Kandi inama yali iyanyu!
Kuki mucika muta agacire
Mukagatesha n'ababyaye!

Bavukarwanda, shuti dukunda
Kandi bene data mwese
Dutaramane imihigo yacu twese
Tulilimbe ibigwi bikwiye
Maze ducengerwe n'amatwara
Atera atwereza amahanga
Ya muvema igamije kubajijura.

Kaze misango y'abisanga
Usigwe usimbizwe n'abana
Nahe amaterere agucurange
~~Nahe amaterere agucurange~~
Kenyera ukereze abagenzi
Ukingiwe ingabo y'imitwe yose
Ca bugufi ukindikize uce imihigo.

Terera amaže utere intambwe
Urere aho uvuye ugana iyo ntazi
Alike amaherezo ukahashyikira
Nshogeza abahizi muce w'ihangu
Nzakuratira abatakuzi
Nzagutaka igice n'umunsi
Nzagusiga ngusendereze
Maze usabagizwe urugwiro.

Nzagucuranga mu mazu meza
Ukesha ababyeyi batubyaye;
Nzakwishingikiliza hose
Umbere umukenyere n'umwitero
Maze umbere amahoro n'ubumwe.

Amahoro nacurangwe hose
Ubumwe busingizwe mu mahanga
Naho amajyambere arasagambe.

Ubwo ducurange ducure inkota
Twicare twese duce uburara
Namwe babyeyi muli i Rwanda
Mudacegera ku mugambi
Mwahamagaliwe n'iyabahanze.

Mudutegere urugeli rwera
Mwambare amabane y'abakera
Natwe urubyiruko turacureye
Tubahe icyubahiro gikwiye
Ubumwe bwacu bugire inkunga,
Maze abahuje bakaba imbata
Aliye ntangilire ya byose.
Icyakubwiraga ko bahuje
Ni indilimbo, imidiho
Bikaba icyereza bagenzi.

Umulimo ucyuwe n'ize ntwali
Ubwo ukaba inketanyi muli byose
Ukaba icyamamare mu bantu
Ukavugwa cyane n'uwawubonye.

Kera isano y'abanyarwanda
Yali imbarutse ya buli mwuga;
Udutsike twubakaga uruganda
Ubwo rugahusa imbaga nyamwinshi
Hirya hino n'utulilimbo
Ntushidikanye kuvuga impamo
Y'uko amajyambere yasagambye.

Intore kera ze mu bahungu
Halimo isano y'abanyarwanda
Kandi ugira ngo iwacu i Rwanda
Kandi iwacu mu banyarwanda
Imana ibasanga ibakwiza amahoro.

Ngira ngo ibyo mvuga murabireba

Imbyino nk'ize ze mu bakebwa
Ibyivugo impundu bikanihira
Nk'uruge rwisihiye abagenzi
Bikaba inkingi amahere mu ruge.

Ca bugufi umbwire agakuru nk'ako
Gashyira aburungane mu gitarame
Baseka basangiye kali mpunge.

Uko abakera bajya batubwira
Nge uwateze urugeli mu bitsina byose
Habaga icyubahiro gikwiye
Cyamurangagaga muli bose
Yabaga abyiruye kebwa hungu
Ubwo akaruhuka akarambiliza
Akarera icyaruta urwo rubyaro
Ruzana inshuti amahore menshi
Ubwo agasagamba agasendera,
Akabyina ashengereye abateya.

Urwunge kera rw'abanyarwanda
Rwarangwaga n'urufaya
Nahe urufangura rw'abagzi
Ubwo rukagenda nka nyemberi.

Kera iwacu mu banyarwanda
Impinga ihingukije abasangwa
Basangamo abashyitsi baje
Ali na bwo mwumvaga bishimye
Ubwo bagashimagiza abatetse
Bati "rususurukije abaharaye".

Nahe aye marwa ali n'amagarama
Agahimbaza ibiganiro
Biba bishingiye ku mubano.

Kandi ubundi iyo mvuga ntaruka
Abumvira mu rusaku ni bo babwirwa
Nahe abindeberezi mukenyere
Kuko ibisagutse ali ibyanyu
Kuko umuheze uzira mu Rwanda.

Ubumwe uko bwaheze kwa gihinga
Bwali ingenge ili mu rusuna
Bukaba inkangura mu muberanya
Kandi muzi utabufya wese
Abwita ubumera ubwo akaba ahigamye.

Kera umuvandimwe w'ubwoko
Ubwo yaragendaga ntahezwe
Ati nguye ahashashe singitashye.

Aho ubwo umubano ukahaca indaro
Nahe imihango igatoterwa
Ikava ku mfura, buheta bwabo
Nyandwi nyabyenda bikaba isano,
Na nyaminani bucura bwabo
Hakaba isezerano ntarengwa
Rikaba lihuje ubumwe bw'abantu.

Inyama y'ihaha uwo yashatse
Imucura ubwenge ikamuerura
Gucura inkumbi byabaga limwe.

Kwa kanyarwanda hali byinshi
Bisa bisimburana uko bukeye
Ubwo bigahinduranya n'imilishyo
Ingema munani inshuro ibihumbi
Niko amajyambere aba asagamba.

Gakuru na gate ndavuga ibye muzi
Kandi utabizi na we arabwirwa
Kandi amajyambere aliyengera
Kuva ku bahinza ndetse n'abami
Alike akarushe kagahebuza
Ndavuga ibye ubutegetsi bw'ubungubu
Ingoma ye hambere y'abazungu
Gusema byadukanye umurava
Pilime iracyazwa wine iraterwa
Ibye tubikesha ubumwe mu bantu.

Icyitwa amahere bakalilimba
Icyaduka cyadukanye umurava
We gutsiratsiza umuheto umwambi
Ingabo yaherekeje bene wabo
Haduka imbunda isasu icyago
Nge umutekano n'icyizere
Bya buli muntu utuye i Rwanda
Bijye birangwa n'ubutabera.

Wanga amahane acura amahanga
Alike amajyambere arasagambye
Abanyarwanda bagihanga
Bahangaga ibulye bwabo.

Uko guca umulire kwabo
Kwavaga ku biti bibili byiza
Kuko amajyambere ajyambura
Ati ibye bisaze umulire wacu
Ni ibibiliti bye mu mutunge.

Icyitwa icyiryeshya ibitunga umubili
Cyali umuyengebera uyu uyenga
Byasimbuwe n'ake mera
Yera neza nk'ize nyange.

Inkenze kera mu banyarwanda
Zahingaga mu ishyamba
Iye mu bishanga zigaca ibintu
Amasuka ahinga ntaguhata
Ubu yarateye ali kuvumera.

Turere imyubakire ya kera
Amazu bagaheta, hose ibyatsi
Urugi rusebetseme iyo minaba
Alike amagerefa n'amayetaje
Yahigitse byose turasagambye.

Ibikuru byose biravugurumwa
Nkanswe igitwarwa na buli wese;
Dere imilire dere iminywere
Dere iye myambalire ga mama!
Dere ugutambagira amahanga
Ni ibindi byinshi ntarendeye
Simuli byose reka na hose
Ni amajyambere atembera.

Byaravuguruwe birengerwa
Birashishozwa barabijyegera
Bati turebe icyiza cyabye
Isane y'iby'ubu n'ibya gihanga.

Ubwe abahanga baca ibirere
Baca mu mazi baca imihanda
Mu butaka irayirayi irakorwa
Nge ni kaligita inyemera mihigo.

Barasema bandika itangaze
Ko u Rwanda rwashize atali urw'ubu
Kandi urw'ubu atali urw'ejo
Ikindi kigenza ize nkera bigwi
Mu banyarwanda nge nta mugabo umwe

Ni umubane kwa kanyarwanda.

Imsego zose iwacu i Rwanda
Ze mu butegetsi no mu mutunge
Ziravugururwa ubwe ziragwira.

Inganda ibyaduka by'ibicukurwa
Naho ubwe ibihingwa birasagamba
Ubwerezi bwadukana umurege
Ibye bigateshwa ubwe bumwe bwacu
Mase amajyambere akalililimbwa.

Shyira mu rwunge amabeke yawe
Cunga ucengeze mu bateya
Uwe murege umunezere
Nshuti idacegera ku mugambi
We kugwa uguye abashashe iwanyu.

Hadutse byinshi bifite intege
Bifite idyicare mu mahanga
Ihame litanzwe n'uwalihimbye
Likaba urumuli rw'abaryisize
Ibinyamateka n'ize mvahe
Hali na hebe nge z'abana
Ibinyamakuru bigaca indare
Nge eje umugambi ukanyurwahimya.

Buli mutware n'ahe atwara
Buli karere amatwara yake
Ikindi cyabahe ke mureba
Kiragatabwa umugambi ni umwe
Kandi iwacu mu banyarwanda
Nge inzira zose zigana i Rema.

Bali b"u Rwanda mwe mfura zarwe
Cya cyaduka cy'amahane
Gica abavandimwe mu mulyange
Kikabatesha inzira ikigendwa
Kiraheze cyeretswe n'ubweba.

Navuze byinshi bilihe iwacu
Naho icyingenzi mu banyarwanda
Ni ugutendeka mu bikali
Imitili yiseguye ize nkingi
Ubirera wese akanezerwa
Ati "inzara izanyurahe bahungu
Kandi mpumitse ibigega mu ruge"!

Ndavuga icyereze cyabaye
Ntaravuka kera cyane
Gihitana icyenda icumi iminani
Naho ubu rere shenge rwema
Nge ikinenke cyaramye ku zuba
Nge imvura izavahë ke gihaze!

Inzera yateye kubera ubuswa
Ni umwiryane kwa muntu
Abanzi b'amahero barakemera.
Kera amasambu y'abanyarwanda
Yitabiraga uke bukeye
Ubwiza bwaye umusarure
Ntaguhengera by'abahanga.

Ahe abaturage bayikwiye
Irajumbuka ubwe biracika
Alike ubuhanga bw'abarutmye
Bacura byinshi bica ubugwali
Baca amateka ya buli muntu.

Ni bwe ubuhinzi busabanye
Gatwa gatutsi imbarutse Gahutu
Barajijuka ubwe barahinga
Kandi kijyambere muli byose.

"Abagereneme" barahaguruka
Bavuga bageza inkuru nziza
Ye guhinga baneza cyane
Bati "amashyamba ali ku manga
Ni ibye byatsi mu ngarani
Amatarasi imilingoti
Uhinga ubutambike ntarumbya
Ashyiramo ifumbire yikoreye
Cyangwa yakerewe n'abe bahanga."

Aye matwara y'abanyarwanda
Agaba umutuze umunezero
Agaba umubane ubugwaneza
Ubwe umushyikirane iwacu i Rwanda
Ukaba umubane amahore ubumwe.

Suka y'iwacu icana ityaye
Guma usagambe urahimbazwa
Ulikulilimbwa n'ab'intere
Nahe abamarere bagaca bugufi.

Ubwe ntibitinze u Rwanda rwacu
Rucika ubuhake ntirwakelenizwa
Ubwe abe bahanga babijya inama
Bati "ubweigenge nibusagambe
Maze igikandamiza urutuye
Bagihe akate ubwe rugikubita."

Ubwe ubwigenge buralilimbwa
Repubulika ya mbere ubwe irashingwa
N'abayitegeka barabatera
Abafasha babo bajya imigambi
Nahe amategeko yavuzwe kera.

Muli bye icyakozwe turakizi
Cyahujije abanyarwanda
Bagira umubane ubumwe mu bantu
Nta muheze uheza ubweke
Ubwe umwiryane urakandamizwa.

Ubwe bidatinze ingabo y'imanzi
Ngabo itaryama nge bidacika
Iti munyarwanda aho ni iwanyu
Ca bugufi wicare mu gihuza
Abamugabo umwe ntibaheza.

Iye ngabo nziza muvema yacu
Yaratubumbye turayikunda
Yaraduhahiye turahaga
Yatumye twegera mu mahanga
Ibikorwa byacu bizira ingnge
Ubutaka bwacu bizira isuli
Aye mazu meza azira gusenwa
Ubwe agasanganizwa imihanda
Ihura ihesha icyatumaniza.

Ubwe yaratemye avuga adatinya
Ati "iye umwana avutse mu ruge
Umulyango wese barawuhuza
Ubwe buli wese kuva ku mukuru
Akagira ijambo lizira akate.

Ubwe abamukikije bamureba
Ibyivuge impundu n'amashyi mehahi
Bikaba icyemeze cy'urukunde
Nahe umubane ukaba uhaganje.

Ubwe izina ryita umukuru w'uruge
Ubwe abakurambere bagaterura
Umwana akitwa izina uwe munsi.

Ubwe imfura ya mbere y'umwaka

Impame yabaye nk'itangaze.

Hashize imyaka icumi tubumbwe
Na muvema yacu iteye ubwuzu
Bwuzuza bwamamaza ikigamijwe
Muli buli mwaka iwacu i Rwanda
Gutura heza byaratatswe
Kandi byubahilizwa neza
Ku burye umwaka washize neza
Buli munyarwanda atuye heza
Kandi neza mahore meza.

Ubuhinzi ubworozi biraratwa
Mu nge hose biba nk'imihigo
Kandi biruzuzanya ubirebye
Nk'iye mpamvu ni yo yakabuye
Abumva amatwara ya muvema nziza
Nibwe bayicuranze bye kuyishima
Maze ubukungu bukura neza
Abategarugeli barashima
Balizihizwa baracurangwa
Umwanya ukwiye barawuhabwa
Ubwe abo babyaye barabakinira
Ibye bikarata amahore iwacu.

Igiti gihabwa ikuze na bose
Hirya hine baragitera
Baragikerera ibye biratinda
Baragitera iye ku muhanda
Kuke kirwanya byinshi cyane
Kandi ubukungu tubona iwacu
Bwinshi bucyeshwa aye mashyamba
Ateshye aterwa ine buli mwaka.

Kurwanya isuli byarakemeye
Yali yarajambije aho dutuye
None twagize ubwe buhanga
Mucye dukanguke turahirwa
Ke twabenye ufufasha hose
Uduha umugambi wa buli munsi
Nge miturwane tutijana
Ku butaka bwacu butaducika.

Amazi meza ye akera byinshi
Atunga ubuzima mu burye bwose
Alinda byinshi kandi hose
Reka bayegeze arabikwiye.

Umusarure wa buli mwaka
Niwe udutunga mu nge zacu
Imwe mu mpamvu ituma atageheka
Kuke ugenda usubizwa hasi
Kandi abatuye biyongera.

Ibyatsi hose byaratewe
Ubu butulinda byinshi cyane
Ubutaka bwacu ubu buratatse.

Umwaka w'abana mu Rwanda
Wabaye imbarutse y'u Rwanda rw'eje
Umwanya watanze mu duce twose
Umwana akarebwa na buli wese
Ubwe na we akicara agacurera
Agacura ubwenge bwamuranga
Iye mu materere y'abateya.

Barandikirana bandika inkuru nyinshi
Bashima bataka umukuru wacu
Umwanya ubakwiye yabahitiyemo,
Agaciro kenshi bahabaye
Byatumye bitaba badatinya
Kwitabira u Rwanda rw'ejo.

Muvema yacu ubwe iratubumba
Imenyesha u Rwanda iyo mu mahanga
Maze ica uburara turamba iwacu
Icyitwa amabandi barayahiga
Gucikira imigi byaracitse
None hasigaye umubano
Ubumwe n'amahoro birasagamba
Naho amajyambere ye araganje.

Ifumbire iwacu kwa kanyarwanda
Idukiza byinshi, iduha umutungo
Ali n'ibitunga ubuzima bwacu.

Yarakoreshwaga kuva kera
Alike ubu byavuguruwe byose
Byabaye nko gukemera
Ibyali byuzuye bidaciyiye.
Mu bumwe busanzwe bw'abanyarwanda
Bahuzaga ibyishimo
Mu mbyino n'imisango
Amahoro asabagira mu Rwanda
Naho amajyambere aramamazwa
Abagore abagabo bakajya inama
N'urwunge rw'abana babyaye
Bose bashima bashimangira iteka
Bati "umuganda ntiwiganda
We waduhaye byinshi cyane
Ukaduha icyaduka cy'amashuli
Naha amashyamba hirya hino
Imbuto ziteranwa ly'abahanga
Za IZARI barazishinga
Koperative ziralilimbwa
Uwo n'umuganda uzira ibigwali."

I Rwanda iwacu hameze neza
Harava izuba hakagwa imvura
Umuyaga wahe uba mu mpeshyi
Itumba ryahe ntitulitinya
Inka ziralisha amata akabeneka
N'andi matungo akabona ubwatsi
Maze uhatuye akamera neza
Hirya hino bati umuganda.
Amahoro n'ubumwe byaduhaye
Na "muvema" icyaduka cy'Imilyango
Ihuza amahanga n'abanyarwanda
Ibyicaro iwacu bikaba byose
Abakuru bayo tukabataka
Ibyo bigaterwa n'ubujijuke
Bukeshwa amajyambere twagezemo.

Ibyo ndababibabwira abali iwacu
Naho abadusanga mufite amaso
Ibyo muhasanga biliranga
Ubumwe n'amahoro biracureye
Natwe dusimbuke twishime
Tuli mu majyambere twikerera.

NYANVURA Constance
3° Normale Primaire
GROUPE SCOLAIRE DE RWAZA
B.P. 62 RUHENGERI